/K.C./M.D./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI.

Kigali, le 25 JUIN 1986

N° 2462 15.07

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko na
za Koperative muli Prefegitura
G I K O N G O R O

Impamvu: Imikoreshereze
y'Imfashanyo yahawe
amashyirahamwe y'urubyi-
ruko muli Komine KIVU.

Bwana,

Nkulikije ibaruwa yawe n°0085/15.03/04 yo ku wa 13 Gicurasi 1986 wanyandikiye ungezaho ibyo wita imikoreshereze y'imfashanyo yahawe amashyirahamwe y'urubyiruko muli Komine KIVU, ndakumenyesha ko muli urwo rwandiko halimo ibyateganyijwe gukorwa n'iyo mfashanyo nkuko bikubiye mu ibaruwa n°655/04.04/1 yo ku wa 15 Ukwakira 1985 ya Bwana Bourgmestri wa Komini KIVU.
Icyo nshaka n'uko wanyohereza raporo yerekana neza uko amafaranga yatanzwe yakoreshejwe.

C.P.I.à:
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  G I K O N G O R O
- Bwana Burugumestri wa Komini KIVU
  G I K O N G O R O

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.

REPUBLIKA Y'U RWANDA
PREFECTURE GIKONGORO
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
NA ZA KOPERATIVE MULI
PREFEGITURA
B.P. 56 GIKONGORO.

Gikongoro taliki ya 13 Gicurasi 1986

Nº 0085/15.03/04

Urgent

lui écrire que je lui ai demandé un rapport

à traiter par DGJ
Date entrée: 26/5/86
Nº Classement: 4568/15.04

Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
KIGALI.

3/6/86

Impamvu: Imikoreshereze y'imfashanyo yahawe amashyirahamwe y'urbyiruko yo muli Komini KIVU

Bwana Ministri,

Nkuko mwabinsabye mu nama twagiliye i KAVUMU kuva ku italiki ya 7 kugeza kuya 10 Mata 1986, hamwe n'iyi baruwa, nshimishijwe no kubagezaho imikoreshereze y'imfashanyo, Nyakubahwa Prezida wa Republika yahaye amashyirahamwe y'urubyiruko yo muli Komini KIVU, nkuko ibaruwa Nº 655/04.04/1 yo kuwa 15 ukwakira 1985 ya Bwana Burugumestri w'iyo Komini ibivuga.

Mboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko limwe nalimwe izo mfashanyo batanga tutazimenya kuko bene kuzaka batabitumenyesha cyangwa se ngo baduhe rapore y'ibyo babonye.

Mbifulije kuyishyikira neza.

Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura

MURENGERANTWALI Félicien.-

REPUBLIQUE RWANDAISE PREFECTURE DE GIKONGORO MIJEUCOOP

BIMENYESHEJWE:

Bwana Prefe wa Prefegitura GIKONGORO.

/Rabera.L/

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GIKONGORO
S/PREFECTURE MUNINI
COMMUNE DE KIVU
B.P. 62 GIKONGORO.

Kivu, kuwa 15 Ukwakira 1985

N° 655/04.04/I

| | |
|---|---|
| REÇUE LE | 18/10/85 |
| INDICATEUR | 6125 |
| CLASSEMENT | |
| A TRAITER PAR | |

Nyakubahwa Milita Prezida wa Republika
y'u Rwanda i
KIGALI.

Binyujijwe kuli Bwana Prefe wa Prefegitura
GIKONGORO.

Mr NIYITEGEKA [illegible]
S/PREFET DE PREFECTURE
GIKONGORO

Binyujijwe kuli Bwana Suprefe wa Suprefegitura
MUNINI.

SOUS-PREFECTURE MUNINI

Nyakubahwa Milita Prezida wa Republika,

Mu izina ly'aba Militante na ba Milita ba Komini Kivu no mu izina ryange bwite, nejejwe no kubandikira iyi baruwa, ngirango mbashimire uburyo mudahwema kwitangira aba Militante n'aba Milita, mushaka icyabateza imbere kandi muharanira ubumwe n'amahoro aribyo nkingi y'amajyambere muhora mudashakira.

Muli iyi baruwa kandi ndagirango mbashimire Nyakubahwa Milita Prezida wa Repubulika, ukuntu mwigomwe imilimo myinshi igihugu kibatezeho, maze kuwa 19 Nyakanga 1985 mukaba mwaraje ubwanyu gusura aba militante n'aba milita ba Komini Kiva, kandi mukabakingalira ku mugaragaro ingoro nshya y'i Biro bya Komini, ihuje n'igihe tugezemo bali bamaze kwiyumaliza, ndetse mukanabatera inkunga ya miliyoni eshanu z'amafranga y'amanyarwanda.

Inkunga ya miliyoni imwe (I.000.000-frw) mwahaye amashyirahamwe y'urubyiruko, izarafasha kugera ku ntego rwiyemeje, cyane cyane mu kwongera umusaruro w'ibihingwa ngandura-rugo no guteza imbere ubworozi, ibyo bikajyana n'intego mwahaye uyu mwaka w' 1985, uburyo bw' imikoreshereze y'ayo mafranga buli ku mugereka womekeranije n'iyi baruwa.

Kubyerekeye inkunga ya miliyoni enye (4.000.000F inama y'abajyanama ba Komini Kivu yateranye kuwa 2 Nzeli 1985, mu cyemezo cyayo n° 572/04.04/2 cyayifatiwemo, yemeje ko havanwamo miliyoni imwe, ikazafasha Komini mu kwongera no gusana inzu yahoze ali i Biro bya Komini Kivu, kugirango urukiko rwa Canton rutagiraga aho rukorera rubone aho rwaba rukorera by'agateganyo; naho miliyoni eshatu (3.000.000-frw) asigaye, azahembera abakozi ba Komini Kivu imishahara y'amezi y'imyaka ishize batahembwe; icyemezo maze kuvuga harugura cyemewe na Bwana Prefe wa Prefegitura Gikongoro mu ibaruwa ye n° 1922/04.04/2 yo kuwa 1 Ukwakira 1985.

Nyakubahwa Milita Prezida wa Republika,

Aba Militante n'aba Milita twibumbiye muli M.R.N.D. twangeye kubashimira byimazeyo ubwitange mudahwema kugaragaliza abanyarwanda mubashakira icyabateza imbere, kandi tubijeje rwose ko tubashyigikiye mu nzira igana amajyambere.

Murakoze.

Burugumestri wa Komini KIVU,
NSABIMANA Athanase.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
COMMUNE KIVU - PREFECTURE GIKONGORO

Prefet 24.10.85

Bimenyeshejwe:

-Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini i
KIGALI.-

# UMUGEREKA I

## UKO IMFASHANYO YAGENEWE AMASHIRAHAMWE IZAKORESHWA.(1.000.000-frw).

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. **Kugura amatungo:** | -Inka 10 z'indobanure | :20.000-frw X 10 = | 200.000-frw |
| | -Ihene 24 | : 1.500-frw X 24 = | 36.000-frw |
| | -Ingurube 8 | : 2.000-frw X 8 = | 16.000-frw |
| | | S/Total: | 252.000-frw |
| 2. **IBIKORESHO** | :-Amasuka 122 | :320 -frw X 122 = | 39.040-frw |
| | -Imipanga 92 | :180 -frw X 92 = | 16.560-frw |
| | -Pompe pulvérisateurs | :3.500-fr X 5= | 17.500-frw |
| | -Arrosoirs | : 700-fw X 22= | 15.400-frw |
| | -Ingorofani | :5.500-frw X I9= | 104.500-frw |
| | -Fourches | : 250-frw X II= | 2.750-frw |
| | | S/Total: | 195.750-frw |
| 3. **Ubwubatsi:** | -Amategura 600 buli shyirahamwe: | :11.400 X 8-frw = | 91.200-frw |
| 4. **Pré-coopérative COBAJI:** | Kubaha imbaho 400 X 110-frw | = | 44.000-frw |
| | Kubaha triplexes(10 Feuilles à: | | 15.000-frw |
| | | S/Total: | 59.000-frw |
| 5. **Amahugurwa y'abagize amashyirahamwe**(2 sessions) | | : | 42.050-frw |
| 6. **Suivi** | | : | 160.000-frw |
| 7. Moyen de déplacement(Moto) ye gutuma ubutegetsi bwa Komini bushobora gukulikirana neza ayo mashyirahamwe ndetse n'indi milimo yose ya Komini. | | : | 200.000-frw |
| | | **GRAND TOTAL** | :1.000.000-frw. |

**Icyitonderwa:** Ni uko byateganijwe na Komisiyo yashyizweho n'a Bwana Burugumestri wa Komini Kivu,kuwa 26 Nzeli 1985.